IMYAKA 75 IRASHIZE PARUWASI YA NYANGE ISHINZWE

IJAMBO RY'IBANZE

Bakristu bavandimwe,

Munyemerere, kuri uyu munsi utagira uko usa w'ibirori by'impurirane : guha Kiliziya nshya ya Nyange umugisha no guhimbaza Yubile y'imyaka 75 ishize paruwasi ya Nyange ishinzwe, nterure ngira nti : Imana nisingizwe mu ijuru no ku isi abantu ikunda bakayikundira, bahorane amahoro. Uyu munsi, Paruwasi ya Nyange, abayituye n'abayikunda basazwe n'ibyishimo bakesha ubuntu bw'Imana Musumbabyose, Yo yongeye kubaka Ingoro yayo rwagati muri twe. Imyaka 24 irashize, abakristu ba Paruwasi ya Nyange batagira aho basengera nyuma y'uko Ingoro y'Imana irutiriwe nkana ku Batutsi bari bayihungiyemo mu gihe cya Genocide yo mu 1994. Turashimira Imana na buri wese witanze mu buryo ubwo ari bwo bwose ngo ibyiza twishimira uyu munsi bigerweho.

Paruwasi ya Nyange ni imwe mu maparuwasi 26 agize Diyosezi ya Nyundo ; ikaba yubatswe mu Karere ka Ngororero ho mu Murenge wa Nyange. Ikora ku Mirenge itanu yo mu Turere dutatu : Umurenge wa Mukura mu karere ka Rutsiro ; Imirenge ya Murundi na Rugabano yo mu Karere ka Karongi n'Imirenge ya Bwira, Ndaro na Nyange yo mu Karere ka Ngororero. Paruwasi ya Nyange ibarirwa mu ifasi y'ikenura bushyo yaKIBUYE hamwe na Paruwasi za KIBUYE, MUBUGA na KIBINGO.

Ni Paruwasi igizwe n'amsantarali 8. Abayibatirijwemo kuva itangiye kugeza ubu barenga ibihumbi murongo itandatu (+ 60000), babarizwa mu miryango remezo 175. Paruwasi ya Nyange ifite urugo rumwe

rw'abihayimana rw'ababikira b'Ababasomusiyo bahageze ahagana mu mwaka wa 1961. Mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 12, paruwasi ifite ibigo by'amashuri gatolika bigera kuri 20.

Muri iyi myaka 75 imaze, Nyange imaze kubyarira Kiliziya abasaseridoti 26 barimo abapadiri 24 n'abadiyakoni 2. Yibarutse abihayimana(abafurere n'ababikira) bagera kuri 15.

Mu mateka yayo, aya kera n'aya vuba, Nyange yagize ibihe byiza ndetse n'ibibi. Inzira yo kwiyubaka no kwomora ibikomere by'abayo yabaye ndende kandi n'ubu iracyakomeje. Kuri uyu munsi wo Gutaha no guha Kiliziya nshya umugisha hamwe no guhimbaza yubile y'imyaka 75 paruwase imaze ishinzwe, mu nyandiko ikurikira, turabagezaho mu nshamake amateka ya Nyange.

Jean Baptiste TUYISHIME
Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange

INCAMAKE Y'UBUZIMA BWA PARUWASI YA NYANGE

UMUTWE WA 1

1.1.ISHINGWA RYA PARUWASI YA NYANGE

Paruwasi ya NYANGE,yashinzwe muri **Kanama 1943**, ishingwa n'uwari Umushumba wa Vicariati ya Kabgayi **Musenyeri Deprimozi** afatanyije n'abapadiri bari bafite ubutumwa muri Misiyoni ya MUYUNZWE ari nayo yavuyeho igice kinini cya Paruwasi ya Nyange. Yashinzwe hagamijwe korohereza abakristu bakoraga urugendo rurerure baturutse mu Budaha-Nyantango, bajya gukurikirana inyigisho z'Iyobakamana no guhererwa amasakramentu i Kabgayi n'i Muyunzwe. Byabasabaga kwambuka uruzi rwa Nyabarongo ugasanga rimwe na rimwe hari abarugwamo. Ikindi ni abakristu bari bamaze kwiyongera kandi bafite ishyaka n'inyota y'Imana, kuburyo byari bikwiye ko babona abasaserdoti babafasha kandi babegereye.

Mu ntangiriro, Nyange yahawe Abapadiri bayikurikirana, aribo **Padiri Klerc** wari Padiri mukuru na **Padiri Bourtzar** wari umwungirije. Baje guhabwa ikibanza cyo kubakamo Kiliziya, ku **Mutinsyi**, ari naho hakomeje kuba icyicaro cya Paruwasi kugeza ubu. Paruwasi yahawe ariko izina rya Nyange, izina ry'umusozi utumburutse uri haruguru gato. Kubaka Paruwasi ku Mutinsyi, byaturutse mu mishyikirano **Musenyeri Deprimoz** yagiranye n'uwari **Adiministrateri wa Kibuye**, waje kumuha ikibanza cyari cyubatsemo **inkambi y'abazungu** ari naho abapadiri babaye, batangiye imirimo yo kubaka.

N'ubwo Paruwasi ya Nyange yatangijwe mu mwaka w'I 1943, na mbere yaho, nk'uko byigeze kuvugwa,abakristu barigishwaga,

bagahabwa Misa n'amasakramentu, bakajya i Kabgayi n'I Muyunzwe, ariko hakaba ubwo n'abapadiri baborohereza nabo bakaza kubareba; aha twavuga **abapadiri** nka **Thomas** na **Yohakimi**. Iyo bazaga kuvuga Misa, yaberaga muri Shapeli yari yarubatswe, isakaje umucyenke n'urukangaga, hakaba kandi n'abakateshisti bafashaga abasaserdoti mu murimo wo kwigisha no gutegurira abakristu amasakaramentu.

Abakateshiste bakoreraga mu bibeho, byari byarubatswe ahatanzwe ibibanza n'**umutwareRUBAYIZA** ari nabyo byaje gukomera, byubakwamo za shapeli z'inama n'amasantarali n'ibigo by'amashuri.

1.2. UKO ABATURAGE BAKIRIYE IYOGEZABUTUMWA

Abakristu b'icyo gihe, Iyogezabutumwa baryakiranye ibyishimo byinshi. Ibi bigaragazwa n'ukuntu ahagana mu mwaka w'i 1944, batangiye ibikorwa byo kubumba amatafari , gusiza ikibanza, kubumba amategura, kugemurira abapadiri ibibatunga: amagi, inkoko, amata, amashaza, ibitoki n'ibindi…. Ibyo bikajyana kandi n'ubwiyongere bugaragara bw'Abakristu, ndetse n'ishingwa ry'Amasantarari kuko uko iminsi yashiraga byasabagako abapadiri barushaho kwegera abakristu.

1.3.INYUBAKO ZAKILIZIYA

Habanje Kiliziya y'ibiti yari isakaye hasi no hejuru, ishakaje umukenke n'urukangaga.

Mu mwaka w'1946, hubatswe kiliziya y'amatafari ahiye avanze n'amabisi, hakoreshejwe imiganda y'abakristu n'abafundi bahembwaga amafaranga. Abakristu bajyaga kuzana amatafari i Vungu, bakazana n'imbingo n'imigozi yo kuranda. Iyo kiliziya bakundaga kuyita iya Petero, biturutse ku mukateshisti witwaga Petero wajyaga yigishirizamo abigishwa, akaba yari yaranagize uruhare runini mu mirimo yo kuyubaka kuko yayoboraga abakristu n'abigishwa ku muganda**.**

Nyuma y'ishingwa rya Diyoseze ya Nyundo muri 1952, ni bwo Nyange yavuye muri Kabgayi ishyirwa muri Nyundo. **Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI**, warumaze gushingwa Diyosezi ya Nyundo, yahise atangiza umushinga wo kubaka kiliziya ya Nyange ijyanye n'ibyo bihe. Yatashywe mu 1953 ikomeza gukoreshwa kugeza ishenywe muri Genoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubwo bayirindimuriraga ku mbaga y'abatutsi bari bayihungiyemo bizeye kuhakirira.

UMUTWE WA 2: IYOGEZABUTUMWA

2 .1.IYOGEZABUTUMWA MU BIHE BYA MBERE

Umurimo w'iyogezabutumwa wari usanzwe ukorwa na mbere y'uko Nyange ishingwa, ariko noneho wagize imbaraga aho Paruwasi ishingiwe, kuko ingendo n'imvune byagabanutse ku mpande zombi. Abasaserdoti b'i Kabgayi na Muyunzwe bari barateguye neza abakristu. Gusa na none ingorane ntizaburaga cyane cyane nk'iyo gutsimbarara kuri imwe mu mico gakondo n'imyemerere ya kera kuri bamwe itajyanye n'ukwemera kwa gikristu. Ikindi hari abakateshisti bari baroherejwe gutegura no kwigisha abakristu, bakababa hafi umunsi ku munsi, ku buryo abasaserdoti bitabagoye cyane kuko abakristu bari barateguwe mbere. Aha twavuga ku ikubitiro:

Dominiko NZOGERA wigishaga i Gasave

Isidore RUHANGURA wigishaga i Murehe

Andre RUTERANA wigishaga i Sanza

Pancrasi NDENGABAGANIZI wigishaga i Mujyojyo

Dismas SINAYOBYE wigishaga i Vuganyana.

Hari n‘abagiye babagwa mu ntege nka Godfroid BIYORWA ndetse n’abakuru b’inama, bari banafite inshingano yo kuzenguruka inama bayobora, urwaye bakamumenya n’ utagenda neza bakamugandura.

Muri icyo gihe ubufatanye mu iyogezabutumwa bwari bukomeye. abakuru b’inama bagafatanya n’abandi bakristu 6 barimo: umugabo, umugore, umusore, inkumi n’abakateshiste, buri wese akaba yari afite ubutumwa bwihariye bitewe n’icyiciro arimo. Biremagamo amatsinda y’ivugabutumwa ku misozi ndetse bakanagenda urugo ku rundi, bagatanga inyigisho zasozwaga n’isengesho, kandi abigishijwe bagahita bashyirwa mu mubare w’abandi bavugabutumwa. Ibyo byagize imbaraga cyane ubwo abakristu bari bamaze kubona Padiri w’umwirabura witwaga **SIKUBWABO Laurent** wari Padiri mukuru mu mwaka w’1947.

Muri ubwo bufatanye, ntitwakwibagirwa uruhare rw’Ababikira b’Abasomusiyo bageze i Nyange mu mwaka w’1961. Bagize uruhare rukomeye mu burezi muri rusange, by’umwihariko, ubw’ umwana w’umukobwa. Bitaye ku bakene n’abanyantege nke; bigishije iyobokamana abato n’abakuru.

2. 2. ABALAYIKI MU IYOGEZABUTUMWA RYA NYANGE

Abalayiki ba mbere ba Nyange, bize kandi baherewa amasakaramentu muri Muyunzwe ndetse na Kabgayi.Umurava bagize biga ijambo ry’Imana barawukomeje baniyemeza kogeza inkuru nziza mu miryango yabo ari naho havuye kuvuka kwa Paruwasi ya Nyange. Abarayiki bafatanyije n’Abapadiri kwigisha ivanjiLi. Muri abo, twavuga abakateshitse ba mbere bavukaga mu Budaha, bigishaga Ijambo ry’Imana mu ngo, ku misozi ndetse no mu nama za mbere arizo: GASAVE,SANZA ,MUREHE,GITANGA NA MUJYOJYO.

Abalayiki bari mu miryango ya Agisiyo Gatolika bagize uruhare rukomeye mu kumenyekanisha Inkuru Nziza mu Budaha, cyane cyane uw'abarejiyo ba Mariya bageze i Nyange 1953, bashinzwe na SINAYOBYE Dismas wari uturutse i Kabgayi. Abalegiyo ntibahwemye gukangurira abakristu bagenzi babo, kuyoboka Imana. Bakoze umurimo ukomeye wa gitumwa wo gushishikariza abakiristu gukunda Bikira Mariya n'Umwana we Yezu Kristu , bagasura abarwayi, bagakora ibikorwa bitandukanye by'urukundo kandi, bakagenderera abakiristu baguye bakabagandura, bagafasha abatishoboye n'imbabare.

N'indi miryango y'agisiyo gatolika, uko yagiye iza, yagiye ihuza abalayiki kandi ikabafasha gukora ubutumwa muri Kiliziya.

Uko imyaka yagiye ikurikirana niko uruhare ry'abarayiki rwagiye rutera imbere muri rusange, by'umwihariko nyuma ya Genocide yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu gihe, paruwasi nyinshi zari zasigaye zitagira abapadiri kuberako hari benshi bari bamaze guhitanwa na Jenoside, abandi bagahunga igihugu, abalayiki benshi bitabiriye ibikorwa byiza byo kubungabunga abakristu ndetse n'ibya Kiliziya.

2.3.PARUWASI YA NYANGE MU BIKORWA BY'ITERAMBERE MU KARERE KA BUDAHA

Paruwasi ya Nyange, yagize uruhare rukomeye mu iterambere ry'akarere k'u Budaha, cyane cyane mu bikorwa by'uburezi.

Mbere y'uko Paruwasi ishingwa, hari ibigo by'amashuri 8 yari yubakishije ibyatsi, ariyo Gasave, Sanza, Murehe, Kigali, Mwendo, Kibanda,Vuganyana na Nyange A, yigishirizwagamo kwandika, kubara, gusoma n'Iyobokamana. Abarangizaga umwaka wa 5, bakoraga ikizamini, utsinze akajya muri internat. Paruwasi ya Nyange yavuye ku bigo by'amashuri gatorika 8 igera ku bigo 20, birimo ibigo **5** by'imyaka

12 y'ibanze; **2** by'imyaka 9, **11** by'imyaka 6 y'amashuri abanza; ikigo **1** cy'imyuga n'ikigo cy'intwari cya Nyange kigizwe n'ibyiciri byombi by'amashuri yisumbuye.

Nubwo muri iyi myaka 75 imaze, Paruwasi ya Nyange, itahwemye gufatanya n' inzego z'ubuyobozi bw'igihugu mu bikorwa bitandukanye by'iterambere ry'abaturage bose, ntitwabura no kuvuga ko Nyange yagize ibihe by'amage n'imibabaro.

2.4. IBIHE BIBI BYA NYANGE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 NA MBERE YAHO

Amateka mabi yaranze u Rwanda yagiye yibasira Nyange kuburyo bw'umwihariko. Indorerwamo y'amoko yashegeshe u Rwanda n'i Nyange ntiyahasize. Mu myaka y'1959, 1973 n'indi, abatutsi bagiye bameneshwa, amazu yabo agatwikwa, bakabaho bigura ngo baramuke igihe cyose. Ubundi ngo umwami ntiyagiraga ubwoko, kuko yari uwa bose, arikoabategetsi bagiye batandukira bakavangura abaturage, bagatonesha bamwe bagaheza abandi, ndetse nabo ubwabo bakumva ko bari mu bwoko ubun'ubu.

Mu nyigisho za Kiliziya dusanga mo igitekerezo ko abantu bose ari abavandimwe,'' nta mugereki nta muyahudi….'' Uwihayimana, umusaserdoti cyangwa umupadiri akaba umuntu wa bose, ukenerwa na bose agafasha bose akabera bose umubyeyi; ariko iyondorerwamo y'amoko yari yaramunze benshi, yagiye ituma bamwe batinyuka no kubona mu bashumba babo, abapadiri babo, ubwoko runaka, kugeza ubwo banababubahuka kandi bisanzwe ari n'icyaha cya sakirilego kubahuka umubyeyi wa Kiliziya.

Aha twavuga nk'igihe uwari Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange , SENYENZI Boniface, bamwangaga, bakamunaniza kugeza ubwo ahohotewe akagirirwa nabi, agahungira ku Nyundo, aho nyuma y'amezi

ane – ni ukuvuga kuva taliki ya 12/01/1990 kugeza taliki ya 12/05/1990, ubwo yagarutse muri Paruwasi ya Nyange aherekejwe na Mgr Wencislas Karibushi, wari umushumba wa Nyundo muri icyo gihe.(Civitas Mariae Gicurasi 1990; N° 390).

Hari n'ibindi byinshi byagiye biba bikagaragaza ko abantu batumvise isano ikomeye dukomora ku Mana Umubyeyi w'abantu bose, ari na byo byagejeje u Rwanda na Nyange by'umwihariko kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Mu mwaka w' 1994, Nyange yarababayecyane nk'uko bigarukwaho mu isengesho ryaYubile, "ingoro-muntu yarasenywe amaraso arameneka abantu bateshutse ku ntego y'umugambi w'Imana, urwango rwimura urukundo, umuvandimwe ahinduka umwanzi…. Birengagije isano dufitanye nk'abavandimwe n'isano dufitanye n'Imana, Ingoro y'Imana irasenywa irituriwe ku Ngoro-muntu wari wayihungiyemo.'' Mu Rwanda hose abatutsi barishwe, amazu arasenywa, imitungo irangizwa ariko i Nyange hinyongereye ho guhirika Kiliziya, Inzuy'Imana, ahantu abantu bose batinya ga bakahubaha. Abatutsi baribahungiye mu Kiliziya bizeye kuhakirira kuko bizeraga ko wenda bazabubahira ko bari mu nzu y'Imana; ariko siko byagenze kuko yaje kubahirikwaho hakoreshejwe imashini ya Tinga Tinga (Caterpillar), bakahasiga ubuzima bwabo. Hari ku italiki ya 16 Mata 1994.

I Nyange habereye amahano akomeye ku buryo ntawatekerezaga ko hazongera kuba ahantu hazima. Ariko kandi igihugu kimaze kubohozwa, Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda yakoze ibishoboka kugirango ubuzima bwongere bugaruke. Ishyira imbere urugamba rw'iterambere rishingiye ku Bumwe n'Ubwiyunge no kongera kubanisha neza abanyarwanda. Muri icyo cyerekezo Paruwasi ya Nyange ikaba itarahwemye gutanga umusanzu wayo, aho intego ari uko ubukristu bugomba kubyara ubuvandimwe… ibi bagakomezwa

n'iyogezabutumwa ryegera abakristu mu muryango n'andi matsinda : nk'imiryangoy'agisiyogatolika, imiryangoremezo, amashuri, urubyiruko, amatsinday'abana, amatsinda y'abapfakazi n'imfubyi bajenoside; kwegera abishe n'abagize uruhare urwo ari rwo rwose muri jenoside n'abandi bose bakeneye guhumurizwa no gufashwa, hagamijwe kubaka umunyarwanda nyawe n'umukristu mwiza.

Hari icyizere, cyane cyane duhereye ku rugero rwiza kandi rw'ubutwari rwatanzwe n'abana bigaga mu ishuri ry'isumbuye rya Mutagatifu Yozefu i Nyange nyuma gato ya Genocide yakorewe abatutsi. Hari mu 1997, mu kwezi kwa Werurwe, ubwo abacengezi bateraga ku kigo ku ishuri, bakabasaba kwitandukanya bakurikije "amoko", abana bagahamya ko bose ari ABANYARWANDA. Ubwo butwari bagaragaje, bemera guhamya ukuri ntabwoba ni impamvu ikomeye igaragaza ko kubaka umunyarwanda uzira amacakubiri n'ironda koko bishoboka.

UMUTWE WA 3

GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 75 NO GUHA UMUGISHA KILIZIYA NSHYA

3.1. GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 75 , 8 NZERI 2018

Imyaka 75 irashize ,Paruwasi ya Nyange yitiriwe Bikira Mariya ajya gusura Elizabeti ishinzwe. Mu gutegura iyi Yubile abakristu bafashe icyerekezo cyo kugaruka ***ku isano dufitanye n'Imana n'isano dufitanye nk'abavandimwe, ibyo bigakorwa abantu bashimira Imana, basaba kandi batanga imbabazi, nyuma bagafata ingamba z'ubuzima bushya***.

Muri urwo rugendo rurerure, hakozwe byinshi, Ivanjili yageze kuri benshi, abagera ku bihumbi mirongo itandatu baremera baranabatizwa. Paruwasi yabyaye abihayimana benshi mu miryango itandukanye,

by'umwihariko abapadiri. Gusa akaryoshye nitigahora mu itama, amahano yagwiriye igihugu cyacu muri jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994, yashegeshe Paruwasi ya Nyange. Byagaragaye ko urugendo rwo kwigisha inkuru nziza rukiri rurerure. Abantu babaye inyamanswa, baratinyuka bahangara abandi babavutsa ubuzima, amaraso arameneka, Ingoro y'Imana irasenywa, irituriwe ku Ngoro Muntu wari wayihungiyemo.

Nyuma y'ayo mage menshi akomeye, abantu bongeye kwiyegeranya, ngo barebe ko Nyange yakongera kuba Nyange. Urwo rugendo rurerure kandi rutoroshye, rwatangiriye mu cyerekezo n'umurongo mugari wavuye mu myanzuro ya Sinodi ya Diyosezi ya Nyundo, ko***ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo;*** ibyo bigafasha kugirango abanyenyange bongere kubana biyubaka kandi bimirije imbere ***ubumwe n'ubwiyunge.***

Hongeye kandi gutekerezwa iyubakwa rya Kiliziya i Nyange. *A*bakirisitu batangira kwiyegeranya bakusanya inkunga kandi bakomeza gusenga ngo Imana izongere ibahe Kiliziya. Abalayiki bafashe Paruwasi mu biganza byabo, bakajya bagobokwa n'abapadiri baturukaga muri paruwasi ya Mushubati ku ikubitiro, hanyuma mu Birambo kuko abapadiri bari bake; ariko nyuma y'iminsi i Nyange bongeye kubona abasaserdoti bagaruka kuhatura mu w'2000.

Abakristu bamaze imyaka hafi 25 basengera hanze mu mvura cyangwa ku zuba, ariko ntibacike intege. Kongera kubona Kiliziya i Nyange byari nk'inzozi. Uko abasaserdoti bagiye basimburana i Nyange bakomezaga gutekereza iyubakwa rya Kiliziya ya Nyange, ariko cyane **cyane bagatinda ku iyubakwa ry'imitima** y'abanyenyange bashimangira ubumwe n'ubwiyunge kugirango babanze bubake **Ingoro Muntu**, utuwemo n'Imana kandi wubaha Imana n'abantu.

Guhimbaza Yubile y'imyaka 75, ni ugusubiza amaso inyuma, hakarebwa ibyagenze neza n'ibitaragenze neza, abantu bagashimira Imana ibyagenze neza, kandi bagasaba imbabazi ku bitaragenze neza, ubundi hagafatwa ingamba z'ubuzima bushya. Ibi byakubiwe mu isengesho rya Yubile ryafashije abakristu ku nzego zose za paruwasi no mu mashuri, kwitegura uyu munsi wa yubile no gutaha Kiliziya nshya.

ISENGESHO RYO GUSABIRA YUBILE Y'IMYAKA75 YA PARUWASI YA NYANGEN'UMWAKA W'UBUMWE N'UBWIYUNGE MULI KILIZIYAYO MU RWANDA.2018

Mana Mubyeyi udukunda, Ineza yawe ntigira urugero
Waraturemye uradutonesha, maze udusangiza kamere yawe y'urukundo.

Ni wowe soko y'ibiriho byose, wabihanze mu buhanga butangaje

Urabyitegereza usanga bizira inenge. Uduha ubutumwa bwiza bwo kubigenga

Ugirango igihe nikigera tuzabikumurikire ntamakemwa.

Ariko Nyagasani, turemera ko twateshutse ku ntego

Maze urwango rwimura urukundo, umuvandimwe ahinduka umwanzi

Ishyano twikururiye riratugwira, tubura benshi, tubura byinshi.

Hano iwacu i Nyange twaratannye tujya kure yawe, ingoro muntu irasenywa

Amaraso arameneka, umugambi wawe uravuguruzwa kandi uri Ntavuguruzwa.

Nyagasani Yezu Kristu ntuhwema kuduhishulira Imana byuzuye,

Umunsi ku munsi utumenyesha Inkuru nziza y'impuhwe ugira.

Kiliziya waduhaye, nikomeze itwerekeze ku mukiro, maze twemere gusa nawe.

Dufashe kugirango iyi Yubile y'imyaka 75, Inkuru nziza igeze hano iwacu i Nyange,

Itubere umwanya mwiza wo kugushimira ineza, Utahwemye kutugirira muri iki gihe cyose;

Duhe kwegerana no kwiyunga nk'abana bawe ukunda cyane, twibuka ko twabuze urukundo; tukirengagiza isano dufitanye nawe n'isano dusangiye n'abavandimwe bacu, kugeza ubwo dusenya ingoro twagusingirizagamo, irituriwe ku Ngoro-muntu wari wahungiye iwawe.

Ubwo wongeye kubaka Ingoro yawe rwagati muri twe, ukomeze womore n'imitima yakomerekejwe n'amateka mabi twabayemo, kugirango twese tukubere ingoro nzima; maze iyo utwubakiye, itubere ikimenyetso cy'amizero no kuvuka bundi bushya. Dushyire hamwe mu mugambi mwiza wo kugukunda no gukundana, tuzirikana iteka ko turi abana b'umubyeyi umwe.

Ha abazayikwambarizamo bose, kuzirikana abaguye mu ngoro yawe, no gutakambira impuhwe zawe, ngo ababavukije ubuzima bahinduke, bicuze kandi bakugarukire.

Nyagasani ha buri wese muri twe kuba umugabuzi w'amahoro yawe;
Ahari urwango mpashyire urukundo;
Ahari ubushyamiranne mpashyire kubabarirana;
Ahari amacakubiri mpashyire ubumwe;
Ahari ukuyoba mpashyire ukuri;
Ahari ugushidikanya mpashyire ukwemera;
Ahari ukwiheba mpashyire ukwizera;

Ahari icuraburindi mpashyire urumuri;
Ahari agahinda mpashyire ibyishimo.

Nyagasani aho gushaka guhozwa njye mpoza abandi;
Aho gushaka kumvwa njye numva abandi;
Aho kwikundisha njye nkunda abandi;
Kuko utanga ni we uhabwa,
Uwiyibagirwa ni we uronka, ababalira ni we ababarirwa,
Uhara amagaraye ni we uzukira kubaho iteka.

Nawe Mubyeyi Bikiramaliya, dufashe muri uru rugendo turimo, twishimire kwakira ingabire zose Umwana wawe azatugenera.
Amen

Cum probatione
+MgrAnaclet MWUMVANEZA
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo



3.2. KILIZIYA NSHYA YA NYANGE.

Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, akimara guhabwa inkoni y'Ubushumba ya diyosezi ya Nyundo, yahise afata iya mbere, yihutira gutabara abakristu ba Paruwasi ya Nyange. Kuya **25.08.2016**, yashyize ibuye ry'ifatizo ahazubakwa Kiliziya, maze imirimo iratangira, **Padiri Jean Baptiste TUYISHIME**, Padiri Mukuru, akurikirana imirimo umunsi ku munsi, Kiliziya irazamurwa, ibyari inzozi bihinduka impamo. Nyumay'iminsi myinshi n'amage menshi akomeye, Nyange yongeye kuba Nyange. Kiliziya nshya kandi nziza yubatswe i Nyange, igaragara nk'ikimenyetso cy'ubuzima bushya mu muryango mugari wa Nyange.

Hakozwe byinshi mu gutegura ibi birori**:**

Imirimo y'abakristu

Abakristu b'i Nyange n'inshuti za Nyange, bakimara kumva inkuru nziza ko bagiye kongera kubona Ingoro y'Imana, barishimye cyane, maze buri wese atangira gutekereza uruhare azabigiramo n'ubwo rwaba ruto. Mu Miryango Remezo bahize imihigo kugirango buri wese agire icyo yigomwa maze agire uruhare mu kubaka Ingoro y'Imana. Amatsinda atandukanye ari hirya no hino y'abavuka i Nyange n'inshuti zabo, yarihuje ashyira hamwe ngo nabo bafatanye n'abandi kandi bafashe umushumba wa Diyosezi ya Nyundo kubaka. Igikorwa cyarenze inkike za Paruwasi ya Nyange, aho amaparuwasi yose agize Diyosezi ya Nyundo yateye inkunga inyubako ya Kiliziya.

Inyigisho z'abasaserdoti

Abasaserdotibongereye imbaraga mu butumwa bwo gushishikariza abakristu kumva agaciro k'Ingoro y'Imana rwagati mu bantu, ariko cyane cyane bakagaruka ku Ngoro-Muntu, ukwiye icyubahiro gisumbye ibindi kuko yaremwe mu ishusho y'Imana ubwayo. Abasaserdoti

bongeye gushimangira inyigisho **z'ubumwe n'ubwiyunge, gusaba imbabazi no kuzitanga, n'Ingoro y'Imana nk'ikimenyetso cy'amizero no kuvuka bundi bushya.**

Abasaserdoti kandi bashyize imbaraga mu Iyogezabutumwa ryegera abakristu, barushaho gufasha abakristu no kubagabanyiriza ingendo, cyane ko hari benshi bakora urugendo rurerure cyane kugirango bagere kuri Paruwasi.

Ingendo nyobokamana no gusobanurirwa Kiliziya

Abakristu bahamagariwe gukora urugendo nyobokamana baza gusura Ingoro nshya y'Imana, cyane ko bayibonye hashize igihe kirekire batayibona; abato n'urubyiruko bo batanayizi. Byabaye ngombwa kwigisha imyifatire bakwiye kugira muri kiliziya nshya basobanurirwa ibijyanye na liturujiya ariko cyane hagarukwa ku rukundo n'icyubahiro abantu bakwiye kugirirana hagati yabo n'icyo bagomba kugirira ingoro y'Imana. Ibi kandi byakozwe n'abarezi n'abanyeshuri bo mu Bigo by'amashuri gatorika biri muri paruwasi byose.

Guhimbaza Yubile mu Miryango Remezo n'amasantarari

Mbere yo guhimbaza itariki ya 8 nzeri 2018, abakristu babanje guhimbariza yubile iwabo muri santarari no mu Miryango Remezo, hagamijwe kugirango babigire ibyabo kandi birusheho kubafasha kubisangira n'abo begeranye basangira ibyishimo n'imvune bya buri munsi. Buri santarari yagize Misa, igakurikirwa n'ibirori byaranzwe n'imbyino, imivugo n'ubuhanzi butandukanye, byagiye bigaragaza koko ko ibyo bahimbaza atari ibintu by'inyuma gusa, ahubwo ko byabageze ku mutima kandi babyiteguye neza; nyuma y'ibirori abakristu bajyaga gukomereza umunsi mukuru mu Miryango Remezo basangira ibyo bateguye. Iyi gahunda y'ihimbazwa rya Yubile muri buri

santarali yabanjirijwe na Noveni yateguriwe abakristu mu miryango remezo yose igize Paruwasi.

Yubile kuri Paruwasi n' umugisha wa Kiliziya kuwa 08/09/2018

Uyu munsi mukuru abakristu bawutegerezanyije amatsiko menshi avanze n'ibyishimo. Barawiteguye mu mpande zose z'ubuzima. Itariki ya 8 Nzeri 2018, ntizibagirana mu mateka ya Paruwasi ya Nyange; aho icyaha cyigize ishyano, impuhwe z'Imana zahabaye igisagirane koko.

Kubona Kiliziya nshya ni ikimenyetso cy'urukundo Imana ikunda abantu, ni ikimenyetso cy'imbabazi n'amahoro, bituruka ku Mana bigasakara mu bantu.

Bikira Mariya Umwamikazi w'intumwa, we wafashe urugendo akajya gusura umuvandimwe Elisabeti akomeze natwe atugenderere kandi adusabire twese ingabire yo gukunda Kristu no gukundana by'abavandimwe.

MISA YO GUHA KILIZIYA NSHYA YA NYANGE UMUGISHA NO GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 75 PARUWASI IMAZE ISHINZWE. NYANGE KUWA 08/09/2018, UMUNSI W'IVUKA RYA BIKIRAMARIYA.

Imihango yo gutaha Kiliziya nshya ya Nyange no Kuyiha Umugisha

1. Umutambagiro uva mu rugo rw'abapadiri werekeza mu Kiliziya.
2. Umuhango wo kumurika ku mugaragaro Kiliziya nshya ya Nyange no Kuyifungura: *Abakoze umutambagiro bahagarara ku mpande zombi z'umuryango munini wa Kiliziya, hamwe n'uwashushanyije Kiliziya, abafundi bayubatse, abagize komite nkuru za Paruwasi n'abashyitsi bakuru. Umushumba wa Diyosezi atwikurura ibuye rigaragaza igihe Kiliziya yatangiriwe kubakwa n'igihe iherewe umugisha. Umwepiskopi amurikirwa imfunguzo za Kiliziya n'abubatse, akayikingura mu buryo bwateganijwe(guca akagozi); hanyuma agashyikirizwa imfunguzo n'uwubatse Kiliziya, agakingura umuryango munini, hanyuma akazishyikiriza Padiri mukuru nk'ubutumwa bwo kwita ku mbaga y'Imana n'ingoro* yayo.
3. Kwinjira mu Kiliziya no Gufata imyanya ku bakoze umutambagiro. *Umwepiskopi kimwe n'abamukikije nabo bajya mu myanya yabo. Nta kunamira cyangwa kwosa alitari.*
4. Kuramutsa ikoraniro(*Umwepiskopi*)+ Kwicara no Kuvuga mu nshamake ikiduhurije hamwe (*ubishinzwe, M.C*).

5. Ijambo ry'ikaze no Kwerekana Abashyitsi bakuru *(Padiri mukuru).*
6. Ijambo ry'Intumwa ya Papa mu Rwanda.
7. Guha amazi umugisha no Kuyatera: *amaze guhabwa umugisha, amazi aterwa ikoraniro ry'abakristu (Abepiskopi), aterwa inkuta za Kiliziya, Inzira y'Umusaraba, Igitereko cy'Ijambo ry'Imana, Intebe ya Penetensiya, Sakristiya na Alitari. Hagati aho haririmbwa indirimbo za batisimu (Korali).*
8. Isengesho: Nyuma *yo gutera amazi y'umugisha, umwepiskopi asubira ku ntebe ye, ahagaze, akavuga.*

ISENGESHO RYO KWEGURIRA KILIZIYA IMANA

Nyagasani Dawe Nyirubutagatifu
Ni wowe waremye ijuru n'isi
Ubigira Ingoro y'ikuzo ryawe,
Ugira ngo izina ryawe risingirizwe ahantu hose.
Ntiwanze ko habaho ahantu hakwegurirwa
by'umwihariko
Kandi hakwiranye n'imihango mitagatifu.
Nyagasani, twebwe umuryango wawe
Tugusabye twiyoroheje ngo usesekaze umugisha wawe
Kuri iyi ngoro yo gusengerwamo
Yubatswe n'amaboko y'abana bawe

Bakoresheje amabuye y'indobanure, isima iyahuza igashushanyaurukundo rutubumbiye hamwe
Iyi nzu tuyikweguriye burundu twishimye.

Kandi iragijwe
Nitubere inzu y'umukiro
N'urubuga turonkeramo amasakaramentu matagatifu,
Izajye yamamarizwamo Inkuru Nziza y'amahoro,
Ikorerwemo imihango mitagatifu.

Abayoboke bawe barerwe n'Ijambo ryawe ribeshaho,
Rimurikire imibereho yabo ya buri munsi
Bityo ukwemera kwabo kugaragarire mu bikorwa byabo.
Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo.
Tubigusabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.

9. Gusiga amavuta: *Abepiskopi basiga amavuta Altari, Isomero, inkuta za Kiliziya n'Intebe ya Penetensiya.Barangiza bagasubira kuri Altari, uyoboye imihango akavuga ISENGESHO RYO KWEGURIRA IMANA ALITARI NSHYA:Kwitegura gusenga:***Dusabe Nyagasani kuzarebana ubugwaneza amaturo abakristu bazahazana kuri iyi Altari kandi tumusabe kugira ngo, umuryango w'abakristu awuhindure ituro rizahoraho.**

Dusabe :

Nyagasani wowe nyirubutagatifu,
Wowe washatse gukoranya ibiriho byose,
Ubiganisha kuri Yezu kristu Umwana wawe,
Igihe yerekejwe kuri Alitari y'umusaraba.
Uwo nyine ni we Musaseridoti nyakuri n'igitambo nyakuri
Cya kindi we ubwe yagutuye kuri Alitari y'umusaraba,
Akadutegeka kujya duhimbaza urwibutso rwacyo ingoma ibihumbi.

Nyagasani, twebwe umuryango wawe,
Tugusabye twiyoroheje ngo usakaze umugisha wawe
Kuri iyi Alitari twubatse
Tukaba tuyikweguriye twishimye.
Aha niho hantu hirengeye igitambo cya Kristu
Giturirwa buri gihe ku buryo bw'amayobera,
akasingirizwa ku buryo butageruye
natwe tukaharonkera ubucungurwe.

Aha niho hategurwa ameza ya Nyagasani,
Maze abana bawe bakayafunguriraho umubiri wa Kristu
Bityo bakarushaho kwibumbira hamwe
Muri Kiliziya ntagatifu.

Aha niho abayoboke bawe bavoma ingabire za Roho wawe,
Mu nzuzi zitemba zituruka muri Kristu urutare nyabuzima
Maze ubwe akahahindura ituro ritagatifu n'alitari nzima.

Bityo mu gihe tuzaba dusanga Kristu
Tuziyongere kugeza ubwo turema hekaru y'ikuzo ryawe
N'igitambo kikunyuze cy'imibereho yacu n'ibutungane.
Imana iragahora isingizwa iteka.

10. *Gutegura altare: Ibitambaro, amatara, indabo.*
11. *Kuririmba Gloria: Umwepiskopi atera Imana nisingizwe mu ijuru*
12. *Isengeshory'ikoraniro*:

    Dusabe: Nyagasani turakwinginze sesekaza umugisha wawe kuri iyi Kiliziya washatse ko tukubakira. Maze abayoboke bawe bose bazahakoranira kugira ngo bumve Ijambo ryawe kandi bature Igitambo cy'Ukaristiya bazumve ko bari kumwe na Kristu wasezeranye kuzaba hagati y'abazibumbira hamwe mu izina rye. We mubana mugategekana mu bumwe bwa Roho Mutagatifu, akaba Imana iteka ryose.Amen.

13. *Liturgia y'Ijambo ry'Imana+Inyigishu y'Umwepiskopi.*
14. Indangakwemera:*Nyuma y'inyigisho, haterwa indangakwemera*.

15. Amasengesho yo gusabira abantu bose: *Birakorwa uko byateganijwe.*
16. ***Gutura Igitambo cy'Ukaristiya***: *Hari umutambagiro w'amaturo, Ituro ryo mu duseke n'ituro ry'Umugati na Divayi.*
17. Gusangira Umubiri wa Kristu: *Kwibutsa ko hahazwa gusa abakristu gatolika kandi nabo babyiteguye.*
18. Guha umugisha Ubushyinguro bushya bw'Isakramentu ry'Ukaristiya (Tabernacolo): *Nyuma yo Guhazwa, Umwepiskopi asiga amavuta ya Krisma Tabernaculo,hanyuma akayosa mbere yo gushyiramo Isakramentu ritagatifu.*
19. Gushimira n'imihango yo gusoza: *Indirimbo yo gushimira, Isengesho ry'umwanzuro, umugisha n'indirimbo isoza.*

INDIRIMBO ZA MISA MISA YA YUBILE

A. UMUTAMBAGIRO

NI NDE UZATURA IWAWE? (A. Jean HAKORIMANA)

Inyikirizo *: Uhoraho ni nde ukwiye kwinjira mu ngoro yawe, ni nde ukwiriye gutura ku musozi wawe mutagatifu?*

1. Ni umuntu utajorwa mu mibereho ye, kandi agakurikiza ubutabera.
2. Ni umuntu utaryarya mu mibereho ye, kandi akavugisha ukuri kose.
3. Ni umuntu utariganya akaba indakemwa, ntagirire nabi umuvandimwe we.
4. Ni umuntu udasubira ku cyo yarahiye, kandi akaba intwari mu byo yiyemeje.
5. Ni umuntu utarya ruswa ngo ace urugoramye, bene uwo azatura mu Ijuru Ijabiro.

(1-5) ***Ugenza nk'uwo wese muzaturana iwawe.***

UMUNSI MUKURU (A. Théodose MWITEGERE)

Inyikirizo *: Uyu munsi mukuru ni ibyishimo byacu! Nidutambagire; nidutambe ineza, niturangurure amajwi dukuza Imana yacu.*

1. Abatagatifu bose barakuza Imana nzima, ntibahwema kuyirata mu bisingizo bungikanya amajwi bayikuza.
2. Isi n'ijuru nabyo byahimbawe imbere y'Imana,byifatanyije n'abo batagatifu bahora imbere ya Ntama.
3. Imbaga y'abatuye ku isi iri mu rugendo irangamiye ubwiza bwa Ntama, yizihiwe bihebuje, yishimiye umutsindo, Kristu yayironkeye ku musaraba.
4. Ububasha icyubahiro n'ikuzo biharirwe Imana, biharirwe na Kristu wazutse, na Roho uvugurura umubiri we ariwo Kiliziya.

TWAJE MANA YACU (A. Jean HAKORIMANA)

Inyikirizo *: Twaje Mana yacu tuje kugusenga, twe n'abacu bose tuje kugushima, nitwe duherutse kugusaba ngo uduhe amahoro uturindire ubuzima, warabiduhaye urabyuzuza, none natwe twaje, kukubwira ko twe n'abacu dushimira, urakarama!*

1. Wangobotoye umwanzi, naje kugushimira
   Wankomereje ukwemera, naje kugushimira
   Kandi umpora hafi ngo umpumurize, *nzakomeza ngushimire, ni wowe undagiye, ukamenyera igikwiye.*
2. Wadutungiye ubuzima, naje kugushimira
   Watubereye ifunguro, naje kugushimira'
   Nanjye ndaguhabwa ngo unyikirize, *nzakomeza ngushimire…*
3. Wankomereje ukwemera, naje kugushimira,
   Roho wawe ampa imbaraga, naje kugushimira,
   Kandi ntujya umpana ngo untererane, *nzakomeza ngushimire…*
4. Njye wandaze urukundo, naje kugushimira,

Nakweguriye byose, naje kugushimira,
Nunze ubumwe nawe simpungabana, *nzakomeza ngushimire…*

5. Njye wangize umunywanyi, naje kugushimira
   Wantumye kubo waremye, naje kugushimira,
   Kandi ibyo nakoze si kubwange, *nzakomeza ngushimire…*
6. Njye wampaye urubyaro, naje kugushimira
   Naratunze ndahirwa, naje kugushimira
   Kandi ibyo wampaye nubyisubiza, *nzakomeza ngushimire…*

TUJE IWAWE RUGIRA(A. Jean HAKORIMANA)

Inyikirizo: ***Tuje iwawe Rugira mwiza, tuje kukuramya no kugukuza, twatumiwe n'ubuntu n'imbabazi ugira, twagana nde wundi ko ari wowe weenyine ufite ijambo ry'ubugingo bw'iteka.***

1. Soko y'ubuzima, tuje kugushimira ubugingo udahwema kuduhaho umunani, ntawe ugusanga ngo abure ubuvunyi n'ubwisanzure. R2/
2. Soko y'amahoro, tuje tuyasonzeye, hari benshi bashaka kuduha ayabo ubwabo, twe twaguhisemo, jya uduhamiriza yuko tutibeshye. R2/
3. Soko y'uguhozwa, tuje turemerewe imitwaro duhetse ntawundi wayitura, uwo uruhuye ntiyongera gutsindwa n'agahinda n'ishavu. R2/
4. Soko y'imbabazi tuje kukwitwaraho,dutsindwa uko bukeye, tuyoba inzira ushima, ugire Ubuntu, utwiyoborere tuzatahe ijabiro. R2/
5. Ngwate y'ubuvunyi tuje kukwitambira tukwihaye burundu, tukubere umunani, uhatswe nawe, ntacyamurarura maze ngo akwimure. R2/
6. Soko y'umukiro tuje kugusingiza, nta nakimwe dutunze tutagihawe nawe, mu badutegetse ntawe muhwanye uri isoko y'ibyiza gusa. R2/

R2:*Mu myaka yose twakumenye, waratuyoboye, ntiwatujimije, tugukomeyeho.*

DUSHIMIRE IMANA (A. Théodore MPAYIMANA)

Inyikirizo*: Dushimire Imana, dushimire Imana ibyo yadukoreye, ibyo yaduhaye; twishimire Yubile, Yubile nziza Imana irakarama.*

1. Ubuzima waduhaye Dawe turabugushimiye, urukundo wadukunze Dawe turarugushimiye:R2
2. Kiliziya waduhaye Dawe turayigushimiye, abayobozi wayihaye Dawe turabagushimiye:R2
3. Ingabire waduhaye Dawe turazigushimiye, imigishawaduhunze Dawe turayigushimiye : R2
4. Ubuhemu bwacu Dawe nawe urabuzi, tugusabye imbabazi, Dawe utubabarire : R2
5. Dufashe umugambi wo kugukurikira, mu rugendo turimo, Dawe uduhe amahoro : R2
6. Mu miryango remezo tuzafatanya twese, ntaguharirana no gutererana abandi: R2
7. Mbega ngo biraba byiza guhurira hamwe dushimira Imana, turi umuryango yihitiyemo, turi umuryango yiyoborera.: R2
8. Tugutuye uru Rwanda n'abayobozi bacu, bamurikire Dawe mu nzira y'umukiro: R2

R2: ***Reka tugushimire Dawe, reka tugushimire warakoze, uri umubyeyi w'impuhwe, natwe twiyemeje kugukorera iminsi yose y'ukubaho kwacu.***

MBEGA IBYISHIMO(A. HABYARIMANA)

Inyikirizo***: Mbega ibyishimo, mbega ibyishimo ngo biransaba umutima, alleluia alleluia.***

Byaransaze igihe ngiye mu Ngoro y'Uhoraho; byaransaze igihe ngiye mu Ngoro y'Uhoraho.

1. Yeruzalemu, uri umurwa ucinyiye cyane alleluia; none dore ibirenge byange bihagaze mu marembo yawe, Yeruzalemu.
2. Ibinezaneza byaransaze, igihe bambwiye bati, hogo tujye mu Ngoro y'Uhoraho**!**

B. GUHA UMUGISHA KILIZIYA

NIMUKUZE MWESE IMANA(P. Declercq S.S.S.)

A:***Alleluya nimukuze mwese Imana, nimukuze mwese izina ry'Imana.***

B:***nimukuze mwese Imana***

1. Nimukuze mwese Imana kuva mu Ijuru ryose.B:
2. Muyikuze mwese, namwe Bamalayika beza.B:
3. Muyikuze mwese ahantu ho mu Ijuru.B:
4. Muyikuze mwese wowe zuba nawe kwezi.B:
5. Muyikuze mwese mwebwe nyenyeri z'umucyo.B:
6. Muyikuze mwese namwe mwezi yo mu Ijuru.B:
7. Muyikuze mwese mwebwe nyoni zo mu kirere.B:
8. ***Nimukuze mwese izina ry'Imana yo yavuze rimwe byose bugacya bibaho.A:***
9. ***Yabikomereje guhama iteka, yategetse itegeko ridashobora gukuka.A:***
10. Nimukuze mwese Imana ku isi yose mwebwe bikoko byo mu biyaga, mu Nyanja zose.
11. Wowe muriro nawe rubura, mwebwe mahindu nawe muyaga wowe urangiza Ijambo rye.
12. Mwebwe misozi namwe dutaba twose, mwebwe biti by'imbuto zose, mwebwe masederi yose.
13. Mwebwe bategetsi bo ku isi, mwebwe bantu mwese mwebwe bikomangoma bacamanza mwese.
14. Mwebwe basore namwe kandi bangavu, mwebwe basaza kumwe n'abana.
15. Nimukuze mwese Izina ry'Imana, niryo nyine risumba ayandi yose, Inganji yayo ikwiye ku isi no mu Ijuru.A:

NDI UMUKRISTU

Inyikirizo: ***Ndi Umukristu ndi uwa Yezu, uko nasezeranye mbatizwa, none ndakomeza kumwemera.***

1. Ndemera ko ndi umwana w'Imana, shitani narayanze rwose, mbaye kandi Umwana wa Mariya sinzasubira kuba uwundi.
2. Imana nemera irimo batatu, ariko bose ni umwe gusa: Data, Mwana, Roho Mutagatifu ni Ubutatatu Butagatifu.
3. Ndemera Yezu Umwana w'Imana, wabyawe na Bikira Mariya, waje munsi kudukiza twese, akabambwa ku musaraba.
4. Amashitani n'ibindi byago ni Yezu wabidukijije, niwe uzatugeza ku Mana, Yezu wacu turagushimye.
5. Nyagasani amategeko yawe hamwe kandi n'aya kiliziya, ndayemera yose uko angina, ibya shitani ndabigaye.
6. Nemeye ibyo Imana yavuze, hamwe n'ibiri mu Ivanjili, ndemera kandi amasakramentu arimo inema zidukiza.
7. Yezu wumvise ibyo nkubwiye unkomeze ntazananirwa, mbone kuzabirangiza byose no kugera iwawe mu Ijuru.

NYAGASANI UMWE

Inyikirizo*: Nyagasani umwe, Kiliziya imwe, Ukwemera kumwe, Batisimu imwe, Imana imwe, ni nayo Mubyeyi***.**

1. Nyagasani Yezu, twagana nde wundi? Ko ari wowe ufite Ijambo ry'ubuzima bwacu.
2. Nyagasani Yezu ni iki cyadutanya nawe? Kwiyambaza ibihita oya ntibikabeho.
3. Nyagasani Yezu, twahujwe n'Ijambo ryawe, uduhe umutima umwe, ntituzanyanyagire.

4. Nyagasani Yezu duhe urukundo rumwe, maze isi ibonereho ko ari wowe Mukiza.
5. Nyagasani Yezu waratwigaruriye, uduhuriza mu bumwe bw'abana b'Imana.

AKIRA NYAGASANI (Mgr Dominique NGIRABANYIGINYA)

Inyikirizo*: Akira Nyagasani iyi kiliziya twakubakiye; Ni ituro ryiza rivuye mu byiza waduhaye, yirebe unyurwe uyitagatifuze ikunogere.*

1 Ariya mabuye y'indobanure yayubatse, ni wowe wayaremye; iriya sima iyasigasiye ikayakomeza ni wowe wayiremye; biriya byuma bikomeye n'ariya mategura y'ubundi buryo, ni wowe wabiduhaye; biriya birahuri by'amabara abengerana, ni wowe wabituremeye.

2Ubwenge n'ibitekerezo byayihimbye, ni wowe wabiremye; ubuhanga n'ubugenge bwayitanaze ni wowe wabiduhaye, amaboko n'umutima wayubatse ni wowe wabiduhaye; ibyo twakoresheje byose byayihinduye akataraboneka ni wowe wabiduhaye.

3 Ruriya Ruhimbi rwiza buriya Bushyinguro, ziriya nkongoro z'imirerwa iriya mitako y'amoko yose, ni ibyawe ni wowe bikwiye wenyine.

4 Iyi nzu yawe ni inzu y'amasengesho, ni ahantu hatagatifu duherwa ibyiza bitagatifu, tuzahigishirizwa Ijambo ryawe ribeshaho, tuzahahererwa Amasakramentu yawe akiza, tuzahakuyobokera hatubere irembo ry'Ijuru.

5 Iyi Kiliziya ni Isakramentu ry'umuryango w'Imana wibumbiye hamwe, ry'Imana muri twe, ry'urusange rw'abana b'Imana, bayikikije mu bugingo buzaza.

KUKO URUKUNDO RWE RUHORAHO ITEKA (A. André KIBANGUKA)

Inyikirizo*: Kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.*

1. Nimusingize Uhoraho kuko ari umugwaneza
   Nimushimire Imana isumba byose
   Nimushimire Umutegetsi w'abategetsi.
2. Niwe wenyine wakoze ibintu by'agatangaza,
   We waremesheje Ijuru ubuhanga bwe,
   Niwe warambuye ubutaka hejuru y'amazi.
3. We wahanze imuri nini,
   Izuba ngo ritegeke umunsi,
   Ukwezi n'inyenyeri ngo bitegeke ijoro.
4. We watimbuye Misiri mu bivukambere byayo
   Agasohora Israheri muri bo rwagati
   Mu kiganza cy'ububasha n'ukuboko k'umurego.
5. We wasatuye inyanja y'umutuku mo kabiri
   akanyuza Israheri muri yo nyirizina
   agacurangurira Farawo n'ingabo ze mu Nyanja y'umutuku
6. We wayoboye umuryango we mw'ijyangwa
   We watsinze abami bakomeye
   Kandi akica abami b'ibinyamaboko.
7. Akagobotora abanzi bacu
   Niwe utunze ibiremwa byose
   Nimushimire Imana iganje mw'ijuru.
8. Hubahwe Data na Mwana na Roho Mutagatifu
   Nk'uko bisanzwe iteka
   Bubahwe n'ubu n'iteka ryose Amen.

GLORIA

IMANA NISINGIZWE MU IJURU (Jean Beaufort TUYISENGE)

Inyikirizo ***: Imana nisingizwe mu Ijuru, no munsi abantu ikunda bose bahorane amahoro; turakurata turagushima, turagusenga turagusingiza turagushimira ikuzo ryawe ryinshi.***

1. Nyagasani Mana Mwami w'ijuru, mana utegeka Mana Data ushobora byose, nawe Nyagasani Mwana w'Imana Ntama w'Imana Data, Mwana w'Imana Data.
2. Wowe ukiza ibyaha tubabarire, wowe ukiza ibyaha by'abantu akira amasengesho yacu, wowe wicaye iburyo bwa Data tubabarire, wowe gusa utunganye wowe Mwami wenyine.
3. Niwowe wenyine usumba byose Yezu Kristu na Roho Mutagatifu, nuko hasingizwe Imana Data. Amen.

C. LITURUJIYA Y'IJAMBO RY'IMANA

Isomo rya mbere:

Isomo ryo mu gitabo cy'Abalevi (Lev 25, 9-10. 17-19)

Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, uzavuze ihembe ryo kwizihiza Uhoraho. Ku munsi mukuru w'imbabazi, ni ho ihembe rizavuga mu gihugu cyanyu cyose. Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka wa mirongo itanu ari mutagatifu, kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose. Mbese izaba ari yubile yanyu, buri muntu azasange umuryango we, asubire mu isambu ye. Ntihazagire rero umuntu wungukira kuri mugenzi we. Bityo, muzatinya Imana yanyu. Ndi Uhoraho Imana yanyu. Muzubahirize amategeko yanjye, mufate imico nabatoje, ibyo bizatuma mugira amahoro mu gihugu cyanyu. Nimugenza mutyo, igihugu kizera imbuto, murye, muhage, kandi mugiture mu mudendezo.

Iryo ni Ijambo ry'Imana!

ZABURI YA 83: HAHIRWA NYAGASANI ABATUYE MU NGORO YAWE(P. Boutry)

Inyikirizo*: Hahirwa Nyagasani abatuye mu Ngoro yawe, bakagusingiza ubudahwema.*

1. Uhoraho Mutegetsi w'ingabo, mbega ngo ingoro zawe ziratera ubwuzu.
2. Roho yanjye yahogoye igushwa isari no kwifuza inkomane z'Uhoraho.
3. Umutima wanjye n'umubiri wanjye, biravugiriza impundu Imana Nyirubuzima.
4. Hubahwe Data na Mwana, na Roho Mutagatifu
   Nk uko bisanzwe iteka, bubahwe n ubu n iteka ryose. Amen.

Isomo rya kabiri

Isomo ryo mu Ibaruwa ya Mbere Mutagatifu Pawulo Intumwa yandikiye Abanyakorinti(1Kor3, 16-23)

Ubwo se se ntimuzi ko muri ingoro y'Imana kandi ko Roho w'Imana abatuyemo. Nihagira rero usenya ingoro y'Imana, Imana na Yo izamusenya. Kuko ingoro y'Imana ari ntagatifu kandi iyo ngoro ni mwebwe. Ntihakagire uwihenda: niba hari uwikekaho kuba umuhanga mu by'iyi si, nabanze yihindure umusazi kugira ngo abe umunyabwenge nyakuri; kuko ubuhanga bw'iyi si ari ubusazi mu maso y'Imana, nk'uko byanditswe ngo:"Ni Yo ifatira abanyabwenge mu mutego w'uburiganya bwabo;" kandi ngo: "Nyagasani acengera ibitekerezo by'abahanga, agasanga byose ari amanjwe." Ku bw'iyo mpamvu rero, ntihakagire ushingira ikuzo rye ku bantu, kuko byose ari ibyanyu: yaba Pawulo, yaba Apolo cyangwa Kefasi, yaba isi, bwaba ubugingo cyangwa urupfu, byaba ibiriho cyangwa ibizaza, byose ni ibyanyu, naho mwebwe muri aba Kristu, na we Kristu akaba uw'Imana.

Iryo ni Ijambo ry'Imana!

ALLELUYA NIMUGIRE UBUZIMA BUSHYA (A. Jean Damascène MANIRAHO)

Inyikirizo *: Alleluia (4x), Nimuririmbe ineza ya Nyagasani.*

1. Nimugire ubuzima bushya muri Yezu Kristu: We wemeye kuza muri twe agatura muri twe akaba umwe natwe atagize icyo atwitandukanyaho usibye icyaha.
2. Yatugabiye Roho we, ariwe utuyobora mubyo dukora,bityo twamwumvira, tukamubera abana bamwizihiye.

IVANJILI

Amagambo yo Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Luka (Lk21, 34-38)

Mwirinde rero, hato imitimayanyuitazatwarwa n'ubusambo, n'isindwe, n'uducogocogo tw'ubuzima, maze uwo munsi ukazabagwa gitumo. Kuko uzatungura abatuye ku isi bose, nk'uko umutego ufata inyamaswa. Mube maso kandi musenge igihe cyose, kugira ngo muzabone intege zo guhunga ibyo bintu byose bizaza, no kugirango muzashobore gutunguka mu maso y'umwana w'umuntu. Ku manywa Yezu yigishirizaga mu Ngoro, ariko nijoro akajya kurara ku musozi w'imizeti. Nuko mu gitondo cya kare, abantu bose bakamusanga mu Ngoro kugirango bamwumve.

Iyo ni Ivanjili ntagatifu !

D. GUHAMYA UKWEMERA

NDEMERA KO IMANA ARI IMWE (A. Mathias GAHINDA)

Data ushobora byose waremye ijuru n'Isi, ibiboneka nibitaboneka. Umutegeka wacu n'umwe,umwana w'ikinege w'Imana. Mbere ya byose Data yari asanzwe amubyaye, ni Imana yavuye ku Mana, ni Urumuri rwavuye ku rumuri, ni Imama y'ukuri yavuye ku Mana y'ukuri. Yarabyawe ntiyaremye asangiye kamere na Data, niwe wahaye byose kubaho , icyatumye amanuka mu Ijuru, ni twebwe abantu, no kugirango dukire, yasamwe ku bwa Roho

Mutagatifu, abyarwa na Bikira Mariya, nuko aba umuntu, yabambwe ku musaraba aritwe agirira, ku Ngoma ya Ponsiyo Pilato, niho yapfuye maze arahambwa, nuko ku munsi wa gatatu arazuka, nk'uko byari byaranditswe, nuko azamukira mu Ijuru, yicaye iburyo bwa Data, kandi azagaruka gucira imanza abazaba bakiriho, n'abazaba barapfuye, Ingoma ye izahoraho iteka,. Roho Mutagatifu ni Imana niwe utanga ubuzima, aturuka kuri Data no kuri Mwana; arasengwa arasingizwa, hamwe na Data na Mwana, niwe wabwirije abahanuzi, ibyo bavuze. Kiliziya ni imwe itunganye gatolika, kandi ikomoka ku ntumwa, Batisimu ni imwe, ikiza abantu ibyaha, ntegereje izuka ry'abapfuye, no kubaho k'ubugingo buzaza. Amen .

AMASENGESHO RUSANGE

Bavandimwe, kuri uyu munsi mukuru wa Paruwasi ya Nyange, imaze imyaka 75 ishinzwe no guha Umugisha Kiliziya nshya, dushimire Imana ineza n'impuhwe idahwema kutugirirakandi tuyisabe imbabazi kuko twahemutse, tukimika urwangorwatugejeje ku mahano ya Jenoside yakorewe abatutsi barituriweho Ingoro y'Imana, twakire ubuzima bushya, tube umuryango w'Imana udashobora kugira ikiwutandukanya.

Inyikirizo: ***IUBILATE DEO, IUBILATE OMNIS TERRA, IUBILATE DEO.***

1. Nyagasani Mana yacu, Kiliziya yawe ishyigikiwe na Roho Mutagatifu, nikomeze ibe ikimenyetso cy'urukundo n'impuhwe udahwema kugaragariza abana bawe; Papa wacu Fransisko n'Umushumba wacu Anacleti MWUMVANEZA, n'urugaga rw'abashumba bose wayihaye, bahorane imbaraga n'ubutwari mu kurangiza neza umurimo wabashinze wo kwita ku muryango wawe.

2. Nyagasani Mana yacu, mu gihugu cyacu cy'u Rwanda, twakiriye inkuru nziza y'Ingoma yawe; ukomeze ukirengere kandi ugihe amahoro, umukuru wacyo n'abayobozi bose ubahe kuyoborana ubushishozi abo wabashinze, bace umwiryane n'amacakubiri, baharanire iterambere ry'abagituye, badaciye ukubiri n'ugushaka kwawe, kuko ari wowe soko y'umukiro nyawo.

3. Muri Jenoside yakorewe abatutsi, aha haguye imbaga itabarika y'abana bawe barituriweho Ingoro yari yarubakiwe kugusingirizwamo, turabagutuye Dawe, ugirire Ubuntu bwawe, maze ubahe kugira uruhare ku bugingo bw'iteka, kandi ubwo wongeye kubaka Ingoro yawe rwagati muri twe, ukomeze womore n'imitima yakomerekejwe n'amateka mabi twabayemo kugirango twese tukubere Ingoro nzima, dushyire hamwe mu mugambi mwiza wo kugukunda no gukundana tuzirikana iteka ko turi abana b'umubyeyi umwe.

4. Nyagasani Mana yacu twaratannye tujya kure yawe; abaguye mu gishuko cyo kwica no kugirira nabi abavandimwe babo, ubahe kugira ubutwari bwo kwemera ibyaha byabo no kubyicuza kandi bakugarukire, bagendere mu nzira y'urukundo ruzira uburyarya.

5. Nyagasani Mana yacu, Umuryango wawe uri i Nyange, ukereye guhimbaza Yubile, kandi wishimira Ingoro yawe, ni amabuye mazima yubatse iyo Ngoro nk'uko ari ingingo zigize umubiri umwe, ariwo Kristu ; iyi Ngoro uduhaye nitubere ikimenyetso cy'amizero no kuvuka bundi bushya, kugirango turusheho gusa nawe; Ukaristiya dusangira ishyire muri twe umutima w'urukundo n'icyizere cyo kubaho, turangamiye yezu Kristu uduhuriza mu bumwe bw'abana b'Imana.

Dusabe: ***Nyagasani Mana yacu, akirana impuhwe isengesho ugejejweho n'abana bawe, bakoraniye kugusingiza no kugushimira, kuri uyu munsi wa Yubile no guha Umugisha Ingoro yawe, maze uko bagushagaye bizihiwe no kugutura Igitambo, barusheho kunga ubumwe muri Kristu, bizatume bashobora no kumukikiza mu birori byo mu Ijuru bamusingiza iteka, ku bwa Kristu nyine Umwami wacu. Amen.***

E. GUTURA

DORE AYA MATURO

Inyikirizo*: Dore aya maturo tuzanye: Yakire Nyagasani, avuye ku mutima w'abana bawe, bagushimira ibyiza uhora ubagirira.*

1. Tuzanye umugati tuguhereje, wakire uwuhe umugisha, uwuhindure umubiri w'umwana wawe Yezu Kristu.
2. Tuzanye Divayi tuguhereje, yakire uyihe umugisha, uyihindure amaraso y'Umwana wawe Yezu Kristu.
3. Tuzanye ababyeyi tuguhereje, bakire ubahe umugisha, ubahunde ingabire, yo kurera neza abo wabahaye.
4. Tuzanye n'abana tuguhereje bakire ubahe umugisha, niwowe wabaduhaye, bakure baza bagusanga.
5. Tuzanye abasaza n'abakecuru, bakire ubahe umugisha, ubasindagize Dawe, mu ntege zabo bakwisunge.
6. Tuzanye urubyiruko abasore n'inkumi, bakire ubahe umugisha, bategure ejo hazaza bamurikiwe n'inkuru nziza.
7. Tuzanye n'imyaka ndetse n'amatungo, tuzanye ibyo dutunze, niwowe wabiduhaye, ngo bidufashe kugusanga.
8. Tuzanye abashonji indushyi n'imbabare, bakire ubahe umugisha, ubahumurize Dawe, barengerwe n'abo wagabiye.
9. Tuzanye uru Rwanda tuguhereje, rwakire uruhe umugisha, natwe twese abarutuye, uduhe gutuza, tubane neza.
10. Tuzanye n'imitima y'abakuyobotse, yakire uyihe umugisha, ihore ikurangamiye, izaruhuke igeze iwawe.

SHYIKIRA MANA Y'ISHEMA (Bellarmin RUZIGAMANZI)

Inyikirizo:*Mana y'ishema, shyikira Mana ihoraho, shyikira Mana nzima, ituro ryarobanuwe mu yandi yose Dawe ryakire, Dawe rihe umugisha uritagatifuze Dawe ryemere rikunogere maze urihindure umubiri n'amaraso by'umwami wacu Yezu Jambo wawe uhoraho.*

1. Turiguturiye Kiliziya yawe ntagatifu, gatolika, tugusaba kuyiragirira ukuyibumbira mu bumwe, kandi ukayiganga ukaba hafi yayo, ukayigenga uko bucyeye.
2. Niriheshe Izina ryawe Uhoraho, ikuzo n'ibisingizo ,ibihe turimo ubisakaze amahoro n'ineza byawe, kandi wemere kutubarira mu ntore zawe, Mana nzima.

IJAMBO RY'UMUTIMA WANJYE(Joseph HITIMANA)

Inyikirizo:*Yezu Kristu, Yezu wadukijije ganza kuzwa, imirimo yacu nikunogere, yihe umugisha Nyagasani, n'ibyo dutunze turabikweguriye.*

1. Akira ineza, iturutse mu mutima wanjye, ubuzima bwanjye bwose, mbweguriye Nyagasani.
2. Nyagasani ndakugana,niyegamije ibintu wanyeguriye, ubuzima umubiri n'umutima byanjye, bigufitiye inyota.
3. Ndagushimira Mana isumba byose, kubera ibyiza wa *shatse kungirira*, kubera ukwemera n'urukundo, *n'ubumenyi* biguturukaho
4. Ndagushimira Mugenga w'ubuzima, kuko wa*ngizeu wawe*n'umutima wanjye ntuzatuza, *kugezaumu* nsiuzakwishimiramo.

REKA NGUTURE IGITAMBO (A. Léandre NSHIMYIYAREMYE)

Inyikirizo*: Dawe, Dawe, Dawe Mubyeyi!Nkundira ngusange Mwami w'impuhwe, nkundira nguture igitambo Dawe.*

1. Irebere Nyagasani, irebere umuryango wawe uje kugutaramira, Mana irebere, irebere umuryango wawe uje kugutura igitambo wihitiyemo. Icyo dushaka ni uko isi yakumenya Dawe.

2. Ihanganire ibicumuro byacu utubabarire Mubyeyi; ihanganire ibyaha byose twagukoreye, iri turo tuguhereje uryakire rikunogere, ryakire Dawe. Icyo dushaka…
3. Tugutuye abagukunda tugutuye abatakuzi, akira iyi si yacu akira ibyo dutunze. Icyo dushaka…

SANCTUS (Harm.: A. Théodore MPAYIMANA)

Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu.

Ni Nyagasani Imana Umutegetsi W'ingabo; Ijuru n'Isi byuzuye ikuzo rya Nyagasani;
Nahabwe impundu mu Ijuru.
Hasangizwe uje mu Izina rya nyagasani Nahabwe impundu mu Ijuru.

AGNUS DEI

Ntama w'Imana tugirire imbabazi,
Ntama w'Imana wowe ukiza ibyaha by'abantu tugirire imbabazi,
Ntama w'Imana wowe ukiza ibyaha by'abantu tugirire imbabazi,
Ntama w'Imana wowe ukiza ibyaha by'abantu, Yezu duhe amahoro.

F. GUSANGIRA

MWAMI W'AMAHORO (A. Martin BAHATI)

Inyikirizo*: Mwami w'amahoro, Mwami utuje neza! Shimwe, Shimwe Cyubahiro, Bubasha buhoraho iteka, ndakuramya, ndagusenga, ndagushima. Ruhanga rubengerana bisumbye izuba, amaso yanjye ntakureba, umutima wo nukurebe ugukunde.*

1. Bamalayika, nimuntize amajwi yanyu, nsingize Yezu Kristu wigize ifunguro ry'intwari.

2. Ururimi rwanjye rwanoga rute se! Rwagusingiza rute Yezu wanjye, Yezu ubwo wigize uwanjye, Umutima nukurebe byonyine.
3. Amazimano ni ay'urukundo, ngushimira ko wanyihaye; amaraso yawe Mucunguzi nankize nkire nkize, Yezu Bwiza bwahebuje.
4. Ngutuye abo uvukamo nibakumenye kandi bagukorere; Israheli nigusingize igukunde dusangire agakiza watuzaniye.
5. Kristu Munezero w'umutima wanjye, Kristu Mizero n'imbaraga zanjye, Bugingo buhoraho; mpa kugukorera mbikesha urukundo, sincogozwe n'imiruho y'uku kubaho; n'abo nkunda bose ndabakuragije n'abawe Yezu, tuzahabwe ikuzo twese mu Ijuru.

NITWEGERE AMEZA (I. KALIMBA)

Inyikirizo*: Nitwegere ameza, duhabwe umutabazi, aje kubana natwe twese ngo atubemo tumubemo.*

1. Mucunguzi duhabwa umugaba turakuririmba tukubyinire tukurate Mushumba mwiza.
2. Ifunguro duhabwa ni rizima, niryo ritubeshaho buri munsi, turirimbe duhimbawe.
3. Ku Meza Matagatifu twibukaho cumin a babiri barisangira, ayo meza ya Yezu Kristu.
4. Umunsi twibukaho ibirori by'izuka rya Yezu, umwami mushya ni Pasika nshya y'iteka rishya.
5. Ijambo ry'Umucunguzi ritwibutsa koko k'umugati na divayi tubironkamo ubugingo bushya.

R2: Uri ifunguro ridutunga , ufite rwose uburyohe, uhembura abawe bose, tukwakiye neza iwacu.

6. Umugati ni umubiri wawe, divayi amaraso yawe; uba mu mugati na divayi, turabyemera rwose.
7. Umubiri ni ikiribwa amaraso ni ikinyobwa, tumuhabwe kenshi tudashidikanya, hombi Kristu ni wese.
8. Umuhabwa ntabwo amwica, ntamuvuna ntamutubya, turahamya rwose ko umuhabwa, aba amuhawe muzima.

9. Ahabwa umwe ahabwa benshi, bose arabahaza, ahabwa ababi ahabwa abeza, ni urupfu n'ubugingo.
10. Ubugingo ni ubwabeza ni umwami ubitubwira, ababi nibo bahabwa urupfu ni nabo birobanura.

R3: Cyo ngwino ngwino tubane, cyo ngwino uduhe ubugingo, cyo ngwino ngwino mu bawe, cyo ngwino mahoro meza.

11. We Mwami w'amahoro cyo ngwino uture mu bawe.
12. Imitima yacu we Mwami ikeneye kuba mishya.
13. Tuje tugusanga We Mwami ni wowe uduhamagara.
14. Ngwino uduhe inema we Mwami, inema ntagatifu.
15. Ngwino utahe imitima y'abawe, niyo Ngoro yawe.

TWE ABAYOBOKE (A. ZIRARUSHYA& Harm. A. J. Damascene MANIRAHO)

Inyikirizo*: Twe abayoboke ba Yezu Kristu dukundane nk'uko yadukunze biturange. Urukundo ruyitake imitima yacu ayigire ingoro ye; Tuzatahane isuku kwa Se mu ijuru, Yezu azatwakira atubumbatiriye mu kwaha kwe kw'iburyo.*

1. Yezu mpa kugukunda, ndashaka kugukunda, nk'uko uri urukundo wahebuje gukunda ujya gutega umubiri wawe bagasesa amaraso yawe.
2. Yezu uwagukunda nta kindi yakunda, ikiguzi watanze ngo tuguhe urukundo, turonke umukiro uhoraho, nta rukundo bihwanye.
3. Yezu ukwiye urukundo, rwa nta kundi urukundo, kugukunda nkitanga ngusabye urwo rukundo, nk'uko bucya bukira ngenda nungura uko ngukunda.
4. Yezu Mwami mwiza, kugukunda ni ibihe,icyabitanga ni iki kitari impuhwe zawe! Girira impuhwe zawe umpe kumenya kugukunda
5. Yezu mwami mwizaunderesha umubiri wawe, nondojwe amaraso yawe ngo ngukunde nzaze iwawe, iteka mpanezerererwe, mpa nitange Yezu ngukunde.

6. Yezu kiza ntunze, gikwiye ishimwe ukwiye, gusa ni impuhwe zawe n'urukundo byagusaze, wifuza ko ntunga, nshaka kwakirana ubwuzu.
7. Uwo wahaye urukundo, bigasanga arushaka, umuhozaho ijisho icyo yifuza urakimenya, icyo akwiye uba ikizi, Yezu ndakwiragije.
8. Nkwituye mu maboko, iby'isi byose ntacyo, nyihere ngukunde kuva mbonye ngukunze, uko ukwiye gukundwa, sinasumba guhirwa.

DUHABWE UMWAMI(A.F. HAGENIMANA)

Inyikirizo:*Duhabwe Umwami wacu Yezu we Mugati muzima, tumutuze mu mitima yacu tumukundire adukize.*

1. Ngwino Kristu ubane natwe, uvugurure abaguhawe, ubigishe gusa nawe.
2. Mu Isakramentu ry'Ukaristiya, abaguhawe urabatunga, ukabatoza gusa nawe.
3. Dore Umugati utanga ubuzima, uwuhabwa ntazasonza, uwuhabwa ntabwo azapfa.
4. Ngwino uture imitima y'abawe, uce inzangano zayigabije, uyisesure umucyo ukwiye.
5. Isi yacu watwihereye, umwanzi sekibi arayigabije, ha abaguhawe bamutsinde.
6. Kristu Funguro ry'ubuzima, ha abaguhawe gushira inzara, bareke kurarikira iby'isi.

R2: Ganza Mwami mu mitima y'abaguhawe, bakubere abahamya bagushyire abatakuzi.

7. Iri Funguro Kristu utwihera, ridukomereza ukwemera, kuko Kristu ubana natwe, ukatwiyoborera.
8. Iri Funguro Kristu utwihera, riduha kuva mu cyaha no gukomera ku murimo wo kugikorera.
9. Mu mugati twese twakira, duhabwa Yezu Kristu, we wapfuye akazuka akaba ari mu Ijuru.

10. Uwo mugati twese twakira utubumbira mu rukundo, maze tukaba umuryango umwe, w'abayoboke b'Ijuru.
11. Mu gusangira Kristu Umwami twitegurire umukiro kuko Kristu atanga ubuzima, mu bwami bw'Ijuru.
12. Mu gusangira Kristu Umwami, bishushanya uko tuzaba mu Ijuru ku Mana Data, hamwe n'abamuyobotse.

MU KARISTIYA (A. D. NGIRABANYIGINYA)

1. Mu Karistya hari ukiza abantu, ni Yezu Kristu, n'umwana w'Imana, akunda abana be akabana nabo, nimumusenge.

Inyikirizo: ***Mukiza wacu uri Ukaristiya, ukunda abantu ni wowe ubatunga, twese dushima umutima wawe, tukawusenga***.

2. Yaremye abantu arabatonesha, bamwanga bose akiza abamwanze, abazuza na se ajya kubapfira. Nimumusenge.
3. Yigize umuntu akiza abarwayi,yigisha bose n'ubu yatashye iwe. Ntiyaretse abantu akunda kubumva. Nimumusenge.
4. Abanyabyaha twari kuzatsindwa igihe Imana izacira imanza. Ni Yezu wenyine utuma twizera. Nimumusenge.

MUCUNGUZI DUHABWA (A. B. MUSONI)

I**nyikirizo:*Mucunguzi duhabwa, turakwihaye natwe, tugenze uko ugenza, Rugero rwacu,Abakristu, tukumenye dukundane,wowe nzira ijyana mu Ijuru kubana n'Imana.***

1. Mu Isakramentu ryawe, Muremyi uhoraho, washatse kutwegera na za nkuba zawe ziricecekera ngo tugusenge.
2. Mu Isakramentu ryawe ayo twavuga yose ntiyangana n'ubuntu ugwiza kubo waremye wacunguye, turagushima.
3. Mu Isakramentu ryawe, twkugomeye kenshi, dore tukwitwayeho babarira Mubyeyi tugarukiye, jya ugira ibambe.

4. Mu Isakramentu ryawe wumve amaganya yacu, twbabajwe na byinshi, imuhira n'imusozi tuirwaneho turakwisunze.

YEZU UDUKUNDA (C. NIWENSHUTI& Harm. A. HABYARIMANA)

Inyikirizo: ***Yezu udukunda ukamenya abawe, turagusenga mu Karistiya, turakwizera niwowe udutunga ukaduha kuganza shitani***.

1. Wifuza ko tuza kugusenga: Uzi yuko nta mwete tugira, tunanirwa guhata kukwinginga, dutsindire ingeso ubute.
2. Waradutoye uduha ibidutunga kandi watugize abatoni: uze udutungishe ibikiza byose, Mwimanyi twoye kuguhinyura.
3. Nyagasani tuzi uburyo udukunda, uba hano ntabwo uturambirwa, ubana natwe wanze ko tuzaba nk'imfubyi zitagira umubyeyi.
4. Iri Sakramentu ry'Ukaristiya, niryo ritunga abakwiringiye, dutere umwete tujye turihabwa, twoye kuzica amasezerano.
5. Twasezeranye kuba abana bawe, ibyo munsi ntituzabyitaho, naw'udufashe gutsinda ibitwoshya tuzagusange iwawe mi Ijuru.

G. GUSHIMIRA

JUBILATE DEO

Jubilate Deo Universa terra.
Psalmum dicite nomini ejus, venite et audite; et narrabo vobis et narrabo vobis;
Omnes qui timetis, qui timetis Deum;
Quanta fecit Dominus animae meae, alleluia.

INGORO Y'IMANA IWACU (A. Théodore MPAYIMANA)

Inyikirizo ***: Dore Ingoro y'Imana iwacu,***
Twongeye kugira amahirwe yo kubona Ingoro y'Imana
Ni ikimenyetso cy'urukundo Imana idukunda,
Ni ikimenyetso cy'imbabazi, ni ikimenyetso cy'amahoro iwacu,
Muze mwese dukuze Imana yaduhurije hamwe, ntakizongera kudutandukanya.

1. Buri wese akomere yizere Imana
   Buri wese agaruke, yemere Imana. R2/

2. Iyi Ngoro y'Uhoraho nidufashe kumukunda
   Kandi natwe idufashe gukundana kivandimwe.R2/

3. Uhoraho nature mu mitima yacu,
   Uhoraho naganze, mu miryango yacu.R2/

4. Uhoraho singizwa iminsi yose,
   Ibi byiza udukorera ubidukomereze.R2/

R2: Dufite Umubyeyi umwe, turi abavandimwe, dufitanye isano,
Dufatane urunana, dukomeze urugendo,
Dore Imana yongeye kutwereka impuhwe, ihora itugirira.

H. GUSOZA

MAGNIFICAT (Saulve IYAMUREMYE)

Dusingize Imana yaduhaye ibyiza, iduha ubugingo bw'iteka.

1. Roho yanjye irasingiza Nyagasani, n'umutima wanjye uhimbajwe n'Imana umukiza wanjye
   Kuko yitegereje ubukene bw'umuja we,
   Dore kuva ubu ngubu amasekuruza yose azanyita umuhire.

2. Kuko Nyirububasha yngiriye ibintu by'agatangaza, izina rye ni ritagatifu;
   Kandi abamutinya abagirira impuhwe
   Uko amasekuruza agenda asimburana n'amasekuruza.
3. Yerekanye imbaraga zimuri mu maboko,
   Yatatanyije abikuza mu bitekerezo by'umutima wabo,
   Yahanantuye abategetsi bakomeye bava ku ntebe zabo, maze akuza abakene.
4. Abashonje yabagwirije ibyiza
   Maze abakire bagenda amara masa,
   Yatabaye Israheri umugaragu we kuko yibutse impuhwe ze.
5. Nk'uko yari yarabibwiye abakurambere bacu, agirira Abrahamu n'urubyaro rwe iteka,
   Hubahwe Data na Mwana na Roho Mutagatifu,
   Nk'uko bisanzwe iteka bubahwe n'ubu n'iteka ryose Amina.

INDIRIMBO YUBAHIRIZA NYANGE MURI YUBILE Y'IMYAKA 75(A. Théodore MPAYIMANA)

R/ NYANGE NYANGE NYANGE YACU,
KOMERA NYANGE KOMEZA,
KOMEZWA N'ABANA BAWE;
WARABABAYE CYANE, ARIKO UBU NICYO GIHE,
NGO WONGERE UTUZE, NGO WONGERE UHEKE, WIZIHIRWE MBYEYI.
TWABAYE UMWE, TWUNZE UBUMWE KANDI TWARABABARIRANYE,
TUZABAHO TURI UMURYANGO W'ABANA B'IMANA.

1. *KERA WABIBAGA IMBUTO NZIZA Z'URUKUNDO N'AMAHORO,*
WA MWANZI W'URUMAMPFU NAWE YARABIBYE, RWA RWANGO,
NIRWO RWAKUGIZE IMPABE, RURAGUHEKURA,
ARIKO UBU YA NABI, YATSINZWE N'INEZA.

2. DUFITE ICYIZERE CY'UBUZIMA BUSHYA,
WA MWIJIMA WIGIJWEYO, TWABONYE URUMURI
DUHANZE AMASO KRISTU, NIWE BUMWE BWACU.

3. NGIKI IGIHE CYIZA, NGO TWUBAKE NYANGE,
NGIKI IGIHE CYIZA, CY'AMAHORO IWACU,
NTUZONGERA NYANGE GUSUBIRA INYUMA,
TSINDA NYANGE, GANZA UGWIRE,
UBE UMURWA W'AMAHORO.

Nyange 08 Nzeri2018

GAHUNDA Y'IBIRORI BYO GUHA KILIZIYA UMUGISHA NO GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 75 YA PARUWASI*(Nyuma ya Misabikorerwa mu Kiliziya)*

1. Hymne ya Paruwasi ya *Nyange (Padiri Theodore Mpayimana).*
2. Ijambo ry'uwashushanyije Kiliziya kandi akayobora abubatsi *(Mr Alphonse Kabirigi).*
3. Ijambo ry'umukristu uhagarariye abandi *(Thomas Munyabarenzi).*
4. Umuvugo w'umwana *(Chantal Niyigena).*
5. Ijambo ry'uhagarariye Inama Nkuru y'Abepeskopi Gatolika mu Rwanda.
6. Ijambo ry'uhagarariye ubuyobozi bwite bwa Leta.
7. Indirimbo yahimbiwe uyu Munsi *(Padiri Theodore Mpayimana).*
8. Ijambo ry'Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo n'Umugisha.
9. Kwakira abashyitsi.

Imana iragahora isingizwa !

Tubifurije Mwese Umunsi w'amahoro n'Ibyishimo dukesha iyaduhanze.